



**ITANGAZO RY'INGENZI RIGENEWE IMPUNZI N'ABASABA UBUHUNGIRO BATUYE
MU MUJYI KU BIJYANYE NA CORONAVIRUS (COVID-19)**
Yatanzwe n'Ubunyamabanga bushinzwe ibibazo by'impunzi, Guverinoma ya Kenya
(Ryatanzwe: 10 Nyakanga 2020)

Guverinoma ya Kenya yashyizeho amategeko akumira ikwirakwiza rya COVID 19. Muri ibyo ibuza harimo isaha yo gutaha hagati ya saa tatu za n'ijoro(9 pm) na saa kumi (4 am) za mu gitondo, kubuza guterana kw'abantu barenga 15 ahantu hamwe ndetse no kwambara agapfukamunwa mu maso ahantu rusange.

Bitewe n'amabwiriza ya Guverinoma yo kugabanya ikwirakwizwa rya COVID 19, **nta bakozi bashinzwe kurinda bahari kuri biro byo kwakira impunzi**. Kugeza igihe hazatangirwa irindi tangazo, impunzi zifuza ubufasha ku byumutekano zishobora kubikora binyuze:

- **guhamagara telefone ya UNHCR : 0800720063 (guhamagara ku buntu) cyangwa**
- **Ukoresheje imeri kuri helpline.kenya@unhcr.org.**

Telefone izohereza ibyifuzo ku bakozi ba UNHCR bashinzwe gukingira impunzi kugirango babikurikirane Nkimpunzi urasabwa gufatanya no gukurikiza amategeko ya leta buri gihe. Gukambika cyangwa guteranira hanze y'ibiro bya UNHCR ntabwo byemewe n'amabwiriza ya guverinoma, kandi nawe ubwawe, abana bawe, ndetse n'abandi mwaba muri kwishyira mu kaga ko kwandura cyangwa gukwirakwiza COVID 19. **Nimba uhisemo gukomeza gukambika cyangwa guterana hanze y'ibiro bya UNHCR cyangwa ahandi, Guverinoma iburira abantu ko izafata ingamba zijiye n'amategeko.**

- Nyamuneka ndakumenyesha ko abantu bahawe cyangwa bagikomeje guhabwa ubufasha bw'amafaranga **batazahabwa ubufasha bwinyongera**.
- **Uburyo bwo gutwara abantu mu buhungiro bibaye bihagaze** kandi nta bantu bashya bazashakishwa kugira ngo bimurwe muri ibi bihe.
- Nimba wifuza kumenyekanisha impungenge z'umutekano, nyamuneka hamagara telefone. **Ntabwo uzigera ubonana n'umukozi wa UNHCR mugihe ugumye hanze yi biro bya UNHCR**.
- Imfashanyo mu mijyi ni nke cyane. Nimba udashoboye kwibeshaho I Nairobi cyangwa mu yindi mijyi kandi ukeneye ubufasha, nta bundi bufasha uretse kwimukira I Kakuma hariyo serivise, harimo ibiryo, amazi, uburezi, ubuzima ndetse n'uburaro
- Mu gihe wifuje kwimukira I Kakuma, nyamuneka hamagara kuri telephone uzahabwa amakuru ajyanye nigihe kwimukira mu nkambi bizabera.

Nyamuneka wibuke ko guterana bitemewe kubera COVID 19. Iyo witabiriye igiterane uba wishize mu kaga wowe ubwawe ndetse na bagenzi bawe kuri COVID-19. Goverinoma izasabwa gufata ingamba zikwiriye mu gukumira ikwirakwiza rya COVOD-19.

Ibi bihe ntabwo byoroheye uwariwe wese. Mu gihe uhuye n'ikibazo cyihutirwa kandi ukeneye ubufasha, nyamuneka reba nimero zubutabazi hano hakurikira:

Ku Kwiyandikisha/ibyangombwa byihutirwa: Ubunyamabanga bushinzwe ibibazo by'Impunzi Shauri Moyo: 0772057770	Umurongo wa telefone kubijyane n'lhoterwa rishingiye ku gitsina: 1195/ 0800720501
Ku bijyane n'ubuvuzi bwihutirwa: NCCK 0704873342 / 0723281352/ 0723281362	Ku bibazo bijyane na NHIF (ikigega cyubwishingizi bwibitaro bwigihugu): 0740049502
Ku byemewe n'amategeko byihutirwa(gutabwa muri yombi, ibibazo na polise): Kituo cha Sheria 0720806531	Umurongo wa telephone kubijyane no kurinda abana: 116
Umurongo wa telefone kubijyane n'ubujyanama : 1190/ 1199/ 0721 336017	

COVID 19 ikwirakwizwa mu buryo buziguye binyuze mu bitonyanga(gukorora, kwitsamura) bivuye k umuntu wanduye; mu buryo butaziguye binyuze mu guhura n'umuntu wanduye change ibikoresho yokoresho. Nimba ufile kimwe mu **bimenyetso bya COVID 19** nk'umuriro, inkorora, guhumeka nabi hamwe no guhumeka bigoranye, **nyamuneka hamagara Minisiteri y'Ubuzima** ukoresho 0800721316 (itishyurwa); 0732353535; cyangwa 0748592558 bakuyobore.

